



# Umutimanama ucira urubanza?

Jacinta Recha

Ingrid Schechter

Tr: Francine Muhawenimana

Rob Owen

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera, hari umukecuru wabanaga n'abuzukuru be batatu.



Buri gitondo bose bajya gukora mu umurima.

Umunsi umwe, umwe mu bakobwa ati: "Nyogokuru, uyu munsi ntabwo meze neza."



Umukecuru  yohereje umwana mu rugo.



Umukobwa ageze mu rugo, abona ko mu nkono harimo inyama.

Yariye inyama zose hanyuma araryama.



Umukecuru n'abana babiri barushye kandi bashonje  bagarutse bava mu murima.

Nyirakuru yateguye ubugari bwo kurisha za nyama yari yatetse mu gitondo.



Yakinguye inkono kugirango agaburire abuzukuru be.

Afunguye inkono y’inyama, yari irimo ubusa!



"Ninde wariye inyama?" nyirakuru arabaza, yubitse amaso.

Ariko abuzukuru uko ari batatu bazunguza umutwe. Umwe wese ati: "Ntabwo ari njye."



Nyirakuru yaboshye umugozi hakurya y'uruzi.

Yabwiye buri wese muri bo kugendera ku mugozi igihe baririmbaga indirimbo.



Nyirakuru yaburiye ati: "Uwariye inyama aragwa mu ruzi, kandi yige kuvugisha ukuri."

Umwuzukuru wa mbere yagenze vuba yambuka uruzi, aririmba indirimbo.

Indirimbo yagenze gutya:

Niba ari njye wariye inyama,
Umugozi ucike unjugunye mu kiyaga.
Reke ngwe mu kiyaga,
Reka umugozi ucike unjugunye mu kiyaga.



Abandi buzukuru babiri batangiye gutongana.

Umukobwa abwira umuhungu ati: "Genda ukurikira." Umuhungu aramusubiza ati: "Oya, genda ukurikira!"



Umwuzukuru wariye inyama yagize ubwoba ahinda umushyitsi.

Amaze gutera intambwe ngo agende ku mugozi, aranyerera agwa mu ruzi.



"Fasha! Fasha!" umukobwa arasakuza.

Nyirakuru yabwiye abandi babiri ati: "Ni umunyamakosa, ariko tugomba kumufasha."



Bose hamwe bakuye umukobwa ufite ubwoba mu ruzi.

Kuva uwo munsi, abuzukuru b'umukecuru bahoraga bavuga ukuri.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Umutimanama ucira urubanza?

**Umwanditsi--** Jacinta Recha

**Kumenyera** -- Ingrid Schechter
**Ubuhinduzi --** Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Rob Owen
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego**-- Igika cya mbere

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

**Inkomoko** www.africanstorybook.org

2023.06.24